N.F.P.O

No 240 March2022

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IMITWE YA POLITIKI YASABWE GUSHIMANGIRA UBUMWE BW' ABANYARWANDA

*Tariki ya 22 Werurwe 2022, kuri Hotel Grande Legacy mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, habereye inama yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ku bufatanye na* Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) kugira ngo haganirwe k' Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Ubumwe bw'Abanyarwanda.

Umuvugizi w'Ihuriro mu ijambo ry'ikaze yashimiye abayitabiriye avuga ko kuganira ku bumwe bw'Abanyarwanda ari ngombwa cyane kuko, ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda ari umusingi ukomeye w'ubundi buzima bw'Igihugu n'iterambere ryacu.

Yavuze ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, byabaye ngombwa ko ubumwe bw'Abanyarwanda bushyirwa mu Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho. Muri ayo Mahame Remezo, ihame rya kabiri rivuga ko tugomba *"kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, TUGASHYIRA IMBERE UBUMWE BW'ABANYARWANDA"*.

Agaruka ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda (ingingo ya 56) yavuze ko riteganya ko Imitwe ya Politiki igomba buri gihe kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda. Naho ingingo ya 7 y'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki ryo mu 2013 ryavuguruwe mu 2018, avuga ko iteganya ko buri gihe Umutwe wa politiki ugomba kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byawo.

Umuvugizi w'Ihuriro yabwiye abanyapolitiki bitabiriye iyi nama ko kuba Igihugu cyaratekereje ko ubumwe bw'Abanyarwanda bushyirwa mu nyandiko z'Amategeko ndetse by'akarusho, hakaba harashyizweho Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu ari uko mu mateka y'Igihugu cyacu ubwo bumwe hari igihe cyageze, ntitubugire kubera imiyoborere mibi. Yibutsa ko imwe mu Mitwe ya Politiki yabayeho mbere ya 1994, yagize uruhare rukomeye mu gusenya ubumwe bw'Abanyarwanda, bivuze ko Imitwe ya Politiki ya nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ifite inshingano ikomeye yo guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, ibikorwa byayo bikarangwa no kubaka Igihugu, hakigishwa abayoboke bayo kubana neza mu mahoro, kandi abayobozi bagatanga urugero rwiza kubo bayobora n'abandi banyarwanda bose.

Yasoje ijambo rye ashimira Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yemeye gufatanya n'Ihuriro gutegurira hamwe iyi nama nyunguranabitekerezo, ikaba yahuje inzego zinyuranye zirimo abayobozi mu Mitwe ya Politiki n'Imboni z'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Mitwe ya Politiki.

Minisitiri wa Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Hon. BIZIMANA Jean Damascene mu ijambo ritangiza iyi nama ku mugaragaro, yashimye abayitabiriye avuga ko Umurongo ngenderwaho wa minisiteri ayobora ari ugukomeza ibyo u Rwanda rumaze kubaka mu myaka 28 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe tugana mu cyerekezo 2050 , avuga ko intego nyamukuru yayo ari ukubungabunga amateka; Gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda no Guteza imbere uburere mboneragihugu.

Yashishikarije Imitwe ya Politiki gukomeza guteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu; gukomeza kuba umusemburo w'ubumwe bw'Abanyarwanda bose nta vangura; gukomeza kuba urubuga rwo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri; no gukomeza guharanira umutekano usesuye w'Igihugu, imibereho myiza n'iterambere ry'Abanyarwanda bose.

Abatanze ibiganiro basabye abitabiriye inama gukomeza kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda. Gukomeza kumenya amateka no gusesengura byimbitse icyayatokoje, Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, gukomeza guhangana n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi, no gufata Ndi Umunyarwanda nk'Icyomoro cy'amateka n'Ubunyarwanda.

Asoza iyi nama ku mugaragaro, Hon. NKUSI Juvenal, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, yavuze ko muri iki gihe, hari ibikorwa bifatika n'imyitwarire bigaragaza uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda no gukomeza kubaka Igihugu. Avuga ko imbogamizi zikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda, ziriho ariko hafashwe ingamba ku bibareba nk'Imitwe ya Politiki kugira ngo bakomeze kugaragaza uruhare rufatika mu miyoborere myiza y'Igihugu cyacu, baharanire ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwakomeza gutera imbere.

Yasabye urubyiruko gukomeza kwihatira kugaragaza, rukoresheje imbuga nkoranyambaraga (social Media) iby'Igihugu kigenda kigeraho, kandi abakuru bakarufasha gusobanukirwa amateka nyakuri y'u Rwanda.

Yasoje ashimira MINUBUMWE n'Ihuriro bateguye iyi nama nyunguranabitekerezo, anashimira n'abandi bose bayitabiriye bakanayitangamo ibitekerezo byubaka.

Avuga ko nta gushidikanya ko imyanzuro n'ibitekerezo byafatiwe muri iyi nama bizashyirwa mu bikorwa bose babigizemo uruhare, kandi inzego zose zikazakomeza gufatanya hategurwa ibindi biganiro nk'ibi.

## Party Women wing leaders in southern Province trained on political participation

The National Consultative Forum of Political organizations (NFPO) has organized a two day women workshop from March $5^{th}$ to $6^{th}$, 2022, in Huye District, which was attended by party women wing secretaries from all Districts of the Southern Province.

The overall objective of this training was to enhance knowledge and skills for greater women's political participation and leadership.

In his official opening remark, Mr Gisagara Theoneste, the Executive Secretary of the NFPO, argued women participants to be politically engaged in party's activities and achievements. He reminded them that political will driven from the Rwanda's leadership has strong conducive environment that promotes gender equality and women empowerment. Netherless, some related economic and Rwandan culture challenges are still persistent.

From this above stand, Mr Gisagara Theoneste called upon all women wing secretaries to benefit from available opportunities including capacity development in terms of leadership and political career mentorship to play significant roles in their respective political parties.

Through this women workshop a number of presentations on different items were delivered by high resourceful speakers where most of them work in women's rights advocacy. Presentations focused on the following thematic areas among others:

- *Women political participation: Women can do it: Political will, drivers, triggers and actors, current status, challenges;*
- *Women empowerment for transformational governance;*
- *Gender policy: From victims to leading actors Rwanda's gender dividend: Rwanda's achievements in gender equality and women empowerment: Challenges and way forward,*
- *There was also Sharing experience on women participation in politics and business by women opinion led by a local women opinion leader and an entrepreneur with a wide experience in political women empowerment and leadership in political organizational development.*

Hon. Gakuba Jeanne D'Arc, one guest speaker among others, reminded participants on the women's triple roles in society; woman as a spouse, as mother and as leader.

In addition, she stressed that the effectiveness of planning process define the performance of a country. She told participants that it is important to give opportunities to both men and women to participate in planning, at all levels with a focus on women contribution in setting priorities and resources allocation.

By ending her presentation, Hon Gakuba Jeanne D'Arc noticed that, nevertheless, women play a big role in economic development especially in agriculture and business, yet they need to do more in that field as we still have 38% of the population under poverty line. Women are required to play a big role in home grown solutions such as poverty reduction, cleanliness, monthly community work, fight against malnutrition, fight against teenage pregnancy, justice at community level….

On other side, Hon. Uwimanimpaye Jeanne D'Arc, Deputy spokesperson of the NFPO, briefed women participants that women have capabilities to work for state development as their fellow men.

"When a woman is given opportunity to any responsibilities, she is required to work hard by protecting a trust and hope given to her, by taking in mind that she is not only a responsibilities holder but also an ambassador of all women behind her". She said.

She also reminded women to have positive mindset on country welfare development because in any confrontational situation, women suffer more from it.

She finally warned women participants to the workshop to be role model to other women standing behind and once women are good at mindset changemakers, our country will, no doubt, achieve more in terms of citizen welfare through inclusive leadership.

By closing the workshop, Hon. Uwimanimpaye Jeanne D'Arc told party women wing secretaries that they are required to have impact oriented mindsets leading to country's development, as per today, our country is well ranked among countries having a significant number of women in Parliament, and their performance remains highly appreciated at different levels; and nothing is granted as this ranking rooted from good leadership championed by His Excellence KAGAME Paul, the President of the Republic of Rwanda.

## HASOJWE ICYICIRO CYA 17 CY'AMASOMO ATANGWA MU ISHURI RY'URUBYIRUKO MU BYA POLITIKI N'IMIYOBORERE / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA)

Ku wa Gatandatu tariki ya 26 Werurwe 2022, ku Biro by'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 17 cy'amasomo atangwa mu ishuri ry'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA). Aya mahugurwa ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO), agahabwa urubyiruko rutangwa n'Imitwe ya Politiki, ubu hakaba harahuguwe urubyiruko rwo mu Mujyi wa Kigali.

Muri iki cyiciro cy'amahugurwa, uretse amasomo bari basanzwe bahabwa ajyanye n'ubumenyi rusange mu bya Politiki, imiyoborere, amateka y'Igihugu n'aya politiki mu Rwanda, ubumenyi mu guseruka muri politiki, gutanga ubutumwa bwa politiki n'ubukangurambaga, icyi cyiciro cyanasuye Ingoro y'amateka y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, banasura kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, rushyinguwemo bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
Mu ijambo rye risoza, Umuvugizi w'Ihuriro Hon. HARERIMANA Fatou yibukije ko iri shuri rya YPLA ryatangiye mu mwaka wa 2010 mu Mujyi wa Kigali; ahateguwe amasomo y'igerageza (Pilot phase), nyuma mu mwaka wa 2011, Inama Rusange y'Ihuriro yemeza ko hategurwa gahunda ihoraho yo kongerera urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere. Nyuma y'iki cyemezo cy'Inama Rusange nibwo hatangiye gutegurwa aya mahugurwa mu Ntara zose.
Avuga ko iri shuri rigamije muri rusange kongerera Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere; rikaba rifite intego zikurikira:
Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi b'ejo hazaza bashoboye;
Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha Imitwe ya Politiki rubarizwamo gutera imbere;
Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugirauruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambe by'Igihugu.

Yibukije ko abiga muri iri shuri, ari urubyiruko (abasore n'inkumi) rutangwa n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro, kandi buri Mutwe wa Politiki ukaba wohereza umubare ungana (abantu 4, bagizwe n'abakobwa babiri n'abasore babiri), aho buri cyiciro (promotion) kiba kigizwe n'abanyeshuri 44.
Agaruka ku masomo yigwa muri iri shuri, yavuze ko yibanda ku bumenyi bwibanze muri Politiki, kuko ari ngombwa gusobanukirwa icyo politiki ari cyo. Yagaragaje ko politiki ari ubuzima rusange bw'Igihugu (imiyoborere, ubukungu, ubuzima, uburezi, umutekano, ibidukikije, ububanyi n'amahanga, ubuhinzi,..). Ashimangira ko izi ngeri zose z'ubuzima zishyirwaho na politiki nziza. Politiki nziza irubaka igateza imbere abanyagihugu.
Yavuze ko aya masomo kandi yibanda ku ruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu iterambere rusange ry'Igihugu. Politiki ni yo ishyiraho uburyo bw'imiyoborere mu gihugu, igashyiraho politiki na gahunda ziteza imbere umuryango w'abantu. Uru rubyiruko rwize kandi n'uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane ya Politiki.
By'umwihariko baganiriye n'Inzego zitandukanye, bagirana ibiganiro kuri **Ndi Umunyarwanda, ku Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho,** ku **Miyoborere y'u Rwanda Twifuza, Kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda.**

Agaruka ku musaruro umaze kugerwaho, Yavuze ko kuva mu mwaka wa 2010 kugeza uyu munsi, urubyiruko rumaze kwiga muri iri shuri ari 1,241, rugizwe n'ab'igitsina gabo 50.4%, naho igitsina gore bakaba 49.6%. Akaba ari umubare ushimishije, kandi intego ni ugukomeza kongera umubare.
Yasoje abashishikariza gukomeza kwiga, bagasoma amasomo yose bize, bagakora ubushakashatsi kugira ngo bagire ubumenyi bwagutse kuri Politiki, iterambere ry'Imitwe ya Politiki, imiyoborere, n'ibindi.
Yabashishikarije by'umwihariko gusoma no kumenya inyandiko zigenga ubuzima bwa Politiki mu gihugu cyacu, ryaba Itegeko Nshinga tugenderaho ubu, ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015; Itegeko ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki, Icyekerezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050, n'izindi.



Yashimye abalimu bose bigisha muri iri shuri, n'Inzego za Leta ziritangamo ibiganiro. Yabifurije amahirwe mu buzima bwa Politiki biyemeje.

Mu gusoza iyi gahunda hatanzwe ICYEMEZO (Certificate) cy'amahugurwa ku bakurikiye neza aya masomo.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YAGEJEJWEHO IKIGANIRO KURI POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU ZO GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA



*Ku wa kane, tariki ya 31 Werurwe 2022, hateranye inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. HARERIMANA Fatou, Inama yari igamije Kugezwaho ikiganiro kuri «Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere uburezi mu Rwanda no kunoza ireme ry'uburezi »; Gusuzuma no kwemeza Umushinga w'Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro no Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.*

Ku ngingo irebana n'ikiganiro kuri *«Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere uburezi mu Rwanda no kunoza ireme ry'uburezi »;* cyatanzwe na Minisitiri w'Uburezi Hon. UWAMALIYA Valentine, mu kiganiro cye Minisitiri w'Uburezi yagaragaje ko uburezi bwo mu mashuri butangirwa mu bice bitatu (3) bikurikira: uburezi bw'inyigisho rusange; uburezi bw'inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro n'uburezi bw'inyigisho mbonezamwuga.



Yagaragaje kandi n'ibimaze kugerwaho mu rwego rwo guteza imbere uburezi mu Rwanda harimo umubare w'integanyanyigisho zishingiye ku bushobozi mu byiciro bitandukanye by'inzego z'imirimo inyuranye mu iterambere ry'igihugu.
Mu ngorane zihari, yagaragaje umubare w'abana bata ishuri ukiri hejuru no kuva mu kazi kw'abarimu.
Minisitiri yagaragaje ingamba zo kurushaho kunoza ireme ry'uburezi zirimo kuzamura ireme ry'imyigire n'imyigishirize mu mashuri y'uburezi bw'ibanze ndetse n'ikoranabuhanga mu burezi.
Mu gusoza ikiganiro cye, Minisitiri yavuze ko Leta izakomeza gukorana n'Abafatanyabikorwa mu burezi mu kurushaho kuzamura umubare w'abitabira uburezi no kubafasha kuva mu ngorane bagifite no kubaha ubushobozi bwo gupiganwa ku isoko ry'umurimo mu Rwanda no mu Karere.

Yakomeje asaba abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki gushyigikira Minisiteri y'Uburezi kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba yihaye rishoboke mu gihe gito.
Nyuma yo kungurana ibitekerezo no gusubizwa ku bibazo byabajijwe, Inama Rusange yijeje ubufatanye n'uruhare rwayo mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburezi bufite ireme mu Gihugu.
Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza Umushinga w'Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro, Inama Rusange yemeje iki Gitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro.



Ku ngingo ijyanye no gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, Inama Rusange yashyizeho **Senateri UMUHIRE Adrie**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PL; akaba yaratorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro, asimbura Hon. HARERIMANA Fatou wo mu Mutwe wa Politiki PDI. Ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatowe Bwana **NKUBANA Alphonse,** uturuka mu Mutwe wa Politiki PSP, yasimbuye Hon. UWIMANIMPAYE Jeanne d'Arc, wo mu Mutwe wa politiki RPF Inkotanyi; bakaba baratorewe manda y'amezi atandatu(6).